

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME Jeannette KAGAME

MURI KONGERE Y'URUGAGA

RW'ABAGORE RUSHAMIKIYE KU MURYANGO

RPF-INKOTANYI.

Intare Arena, Ku wa 20 Ugushyingo 2021

**Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego z’Umuryango wacu RPF-
Inkotanyi,**

Bavandimwe Ntore z’Umuryango,

Muraho neza!

Nshimishijwe no kongera guhura n’Abanyamuryango (-Mutima wawo,) mu Urugaga rw’Abagore rushamikiye kuri RPF- Inkotanyi.

Nagira ngo kandi mumfashe dushimire ubuyobozi bw’ igihugu cyacu, cyane cyane ubufatanye bw’Abanyamuryango muri ibi bihe byo guhangana na Covid-19, tukaba tubashije guhura uyu muni. ***Kaci kaci.***

Dukomeze rero kwirinda no kwikingiza Covid-19, maze ubuzima mu mpande zose, busubire uko bwahoze kandi turusheho gutera imbere.

Inama nkuru yacu y’uyu muni, ifite insanganyamatsiko igira iti: « ***Mugore urashoboye, komeza ugire uruhare mu kubaka umuryango mwiza kandi utekanye*** ».

Yahuriranye kandi n’Umuni Mpuzamahanga w’Umwana, u Rwanda rwahisemo guha insanganyamatsiko igira iti: “ ***Ejo ni njye***”- (*I am the future*).

Biratubera umwanya mwiza, wo kugaruka ku muryango, aho umwana akwiye kuba ishingiro ryawo, n'iry'Umuryango wacu RPF-Inkotanyi.

Banyamuryango,

Intore za RPF- Inkotanyi

Mu mateka y'Umuryango wacu RPF, Imiryango, (**Familles**) yagizemo uruhare rukomeye cyane! Ntawe uzibagirwa ko Imiryango myinshi yareze Inkotanyi!

Imiryango yakundishije abato u Rwanda, bityo bibwiriza gutabarira u Rwanda nta gahato, kandi bararubohora! N'ubu imihigo yabo irakomeje.

Mu kubohora u Rwanda kandi, Inkotanyi zasubije umuryango umutekano n' agaciro kawo.

Kuko burya umuryango niwo muzi w'umuntu, ukaduha kandi kugira ahitwa iwacu, igihugu cyacu n'umwimerere-gakondo.

Ubwo rero twabonye umutekano n'amahoro, uyu ni umwanya wo gutekereza kubaka umunyarwanda ubereye aho twifuza kugera.

Umuryango RPF urarera! Umuntu yawugereranya n'umubyeyi utanga ubuzima!

N'ubwo dufite aho tuvuka, umuntu arakura agakenera uwamufasha kubaka intekerezo nzima, zimwereka inzira yo kugira uruhare mu kubaka, kurinda ibigerwaho no guhindura ibitameze neza.

Twe rero twagize amahirwe, amahitamo yaraje, tubona RPF maze iraturera. Iturera twese nk'umubyeyi urera umwana, ahereye mu buto bwe.

Maze agatanga ingufu zose afite, akagutoza ubwenge, ubumenyi, n'indangagaciro nziza ziherekeza umuntu mu buzima bwe.

Umuryango RPF rero, urera Abanyamuryango utyo! Nyuma yo kubohora u Rwanda, twasaga n'abatangiriye ku busa mu kongera kubaka igihugu cyacu,

Umuryango RPF uraturera utugeza ku Rwanda dufite uyu muni. **Kaci kaci**

Ese iyo twitegereje imiterere y'imiryango y'Abanyamuryango, tubona tubanye uko amahame ya RPF yatwigishije? Ese dufite icyizere ko natwe turimo turera nkayo?

Nifuje rero ko twafatanya gukomeza gutekereza, k’ “**Uruhare rw’Umuryango w’Umunyamuryango wa RPF**”, mu nshingano eshatu zikurikira:

- ❖ Kubyara no kurera Umukada wa RPF,
- ❖ Kubyara no kurera Umuyobozi mwiza uzita ku baturage,
- ❖ Kubyara no kurera Umubyeyi, uzaba ishingiro ry’ umuryango ushoboye kandi utekanye.

Abana bacu nabagereranya n’icyo mu mibare bita **uruti-fatizo (Centre de gravite)**, rw’ababyeyi bombi n’imiryango yacu muri rusange.

Mu bumenyi (science), **uruti-fatizo**, ni igice kibumbatiye ingufu z’umutamenwa, kibuzza icyo ari cyose kunyeganyega cyangwa guhungabanya ubudahangarwa bwacyo! Uruti-fatizo nirwo rutuma duhagarara twemye.

Kimwe mu bikomeza umuryango nk’uyu wacu wa RPF wubatse intekerezo nzima, ni uko izo ntekerezo ziherekanwa mu bavuka n’ababyiruka.

Ni ngombwa rero ko *Abanyamuryango-mutima* wa RPF, dushyira ingufu mu kurera abana bacu nk'Inkotanyi, zizakomeza amahame y'umuryango wacu.

Banyamuryango

Intore za RPF,

Mu gihe byari bigoye, umuryango wacu RPF, watweretse ko igihugu gitera imbere iyo hari ubwuzuzanye bw'umugore n'umugabo.

Nyakubahwa Chairman w'Umuryango wacu yagize ati: ***“Ikibuza umugore amahoro, kibuza umugabo amahoro! Umugore wakennye akenesha umugabo!***

Umugore wakize akiza umugabo! Kuko nta sosiyete igira umugore gusa cyangwa umugabo gusa! Ibagira bombi”¹.

Nagira ngo rero nshimire ibikorwa Urugaga rwacu rumaze kugeraho, ndetse n'ibiteganywa, kugira ngo twubake umuryango ushoboye kandi utekanye.

¹ Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mu Ihuriro ry'Abagore ***“MeetThePresident”*** Petit Stade, **2013** <https://youtu.be/nMpGgApgdyU>

Kimwe muri byinshi bishimishije, ni uko ikiganiro twagize ubushize, ku **nshingano-nyabutatu**, cyageze mu nzego zitandukanye, ndetse na basaza bacu bahari, nk’uko twari twabyifuje.

Ikindi nabonye, ni uko hakoze ubushakashatsi bwo kureba imbogamizi zihari kugira ngo inshingano-nyabutatu zitaremerera umugore.

Muri ubwo bushakashatsi kandi, hagaragazwa n’icyakorwa ku muntu ku giti cye, (umugabo cyangwa umugore), umuryango mugari, abakoresha, ndetse n’igihugu muri rusange.

Ubushakashatsi busoza kandi bugira buti: **“Umuryango ni umusingi w’uko tuzabaho ejo hazaza”**.

Hari kandi n’imfashanyigisho yakozwe na Ministeri y’Uburinganire n’iterambere ry’Umuryango bise **“Twubake urugo rwiza”**, ifasha abitegura kurushinga, ndetse no guherekeza ababana nk’umugore n’umugabo.

Hari n’ imiryango yigenga yunganira ibiganiro kuri izi nshingano-nyabutatu n’uko twazubahiriza, buri wese mu mwihariko we, ubumenyi n’ubushobozi bye.

Banyamuryango,

Ubwuzuzanye bw'umugore n'umugabo bumaze gutera imbere mu gihugu cyacu, mu nzego zose,

Ariko haracyari imbogamizi kugira ngo tubugeze mu ngo zacu, maze abashakanye bubake umuryango ushoboye koko, kandi utekanye.

Iyo witegereje ibibazo biri mu muryango, usanga ari ngombwa ko tubiganira byimbitse, nk'Intore z'umuryango, nk'Abagore bagize urugaga, ariko kandi tukanabifatanya n'abagabo.

Mu Kinyarwanda bavuga ko “***nta zibana zidakomanya amahembe***”!

Mu mibereho y'abantu muri rusange, ariko cyane cyane mu mibereho y'umuryango, habamo byinshi abantu batumvikanaho. Habaho ingorane zitandukanye ariko intwari ibafasha ni ukuvugana, kuganira no kubwizanya ukuri!

Banyamuryango,

Mutima w'Urugo,

Mu Kinyarwanda bavuga ko “**ijambo rirema, rikiza, ijambo ryiza rikaba murumuna w’Imana!** Nta muntu ubaho, utifuza amahoro no kubwirwa neza.

Ariko nanone iyo ijambo rititaweho neza, rishobora kwangiza byinshi. Iyo rititondewe neza, rishobora kwangiza ubuzima bw’umuntu, imikurire y’abana ndetse no guteza ingo zidashyize hamwe kandi zidatekanye.

Ni ngombwa gutekereza ku “**Ijambo**” rizarema Abana bacu, bakaba inkotanyi.

Hari ubwo nkurikira inyigisho zitandukanye ku mibanire y’abantu. Mperutse gukurikirana ikiganiro cyatanzwe na Pasteur Dr. Rutayisire, ubwo yaganirizaga abashakanye. Usanga ariko ibyo baganiraga binareba abantu bose! Yavugaga ku ngingo ikomeye ya **communication!**

Yatanze inkingi 4 z'ingenzi zafasha abantu kunoza communication hagati yabo, by'umwihariko Abashakanye:

1. Gutinyuka kuvuga ibikuri ku mutima,
2. Kuganira bigomba kubamo kuvugisha ukuri no kwirinda guhishahisha,
3. Kuganira bigomba kubamo kubahana,
4. Kuganira kwiza ni ugutega amatwi, ugashishoza, ukumvisha umutima n'ubwenge, utagamije gusubiza gusa no kwihagararaho aho gushaka umuti w'ikibazo.

Aha nagira ngo kandi nongereho ko isomo ryo kuganira, no **'kunoza communication'** ntawe urisoza, bisaba guhora wiga ndetse ukamenya no kurihuza n'ibihe.

Ni ubwo kuganira byose, igihe cyose ari byiza, ni ngombwa kuzirikana ko hari ibiganiro bisaba gutegurwa bitewe n'imirimo, amasaha cyangwa n'ahantu.

Byaba bibabaje imiryango y'Abanyamuryango ba RPF itavugana, kandi Umuryango waratwigishije kubaha ibitekerezo by'undi.

Nagira ngo mbonereho kubisabira, nk'Urugaga by'umwihariko, n'Umuryango muri rusange, ngo tuzarebe uko imiryango yakwigishwa kubana no kuganira.

Muri uru rugendo twiyemeje rwo kugira umuryango mwiza, ukomeye kandi utekanye, tuzarebe uburyo bwo guherekeza Abashakanye, bitari bya bindi bya bridal shower, ndetse no gutanga ubujyanama kugira ngo ibibazo bikemuke hakiri kare.

Banyamuryango

Mutima w'urugo

Mutima w'Umuryango

Sinasoza ntongeye kubibutsa ko “**Ujya gutera uburezi arabwibanza**”! Banyamuryango mugize urugaga, musabwa byinshi! Ni ngombwa rero kwikebuka, kumenya kwita ku buzima bwanyu no kwiyingura ubumenyi.

Gahunda y'Umugore mu Cyerekezo 2050 tugamije, nibe koko urubuga rwo guterana inkunga nk'abagore, dufatanyije kandi n'abagabo, kuko uru rugendo ntabwo twarugenda twenyine.

Dukomeze gufatanya rero mu kubaka umuryango, ubyara, ukanarera Inkotanyi, Abayobozi n'ababyeyi babereye u Rwanda.

Mugire amahoro!